REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Dr. Ngirente Edouard

Mu muhango wo gutanga ibihembo ku nshuro ya 7 kuri ba rwiyemezamirimo n'abacuruzi b'indashyikirwa "7th Edition of Business Excellence Awards"

Kigali Convention Center, ku wa 31 Mutarama, 2020

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Madamu Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB),**
- **Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda,**
- **Bayobozi bo mu Nzego zitandukanye muri hano,**
- **Bafatanyabikorwa mu iterambere,**
- **Bashoramari, bacuruzi, mwitabiriye uyu muhango kandi mukorera mu Rwanda,**
- **Batumirwa mwese mwitabiriye ibi birori,**

Mwiriwe,

1. Kuri uyu mugoroba, nejejwe no kwifatanya namwe muri ibi birori byo gutanga ibihembo ku nshuro ya 7 kuri ba rwiyemezamirimo n'abacuruzi b'indashyikirwa. Ndagira ngo mbanze mbifurize mwese umwaka mushya muhire wa 2020.

2. Ndashimira cyane Urugaga rw'abikorera mu Rwanda rwafatanyije na Guverinoma y'u Rwanda binyuze mu Rwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), mu gutegura ibi birori by'uyu munsi.

3. Muri aka kanya, turishimira ibyiza ba rwiyemezamirimo n'abashoramari b'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga bakorera mu Rwanda bagezeho mu mwaka ushize wa 2019.

4. Mu myaka icumi ishize, ubukungu bw'u Rwanda bwateye imbere ku buryo bushimishije. Muri icyo gihe, Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP) wazamutse ku mpuzandengo y'ikigero cya 8%. Naho, mu 2019, Umusaruro Mbumbe w'Igihugu wazamutse ku kigero cya 8.4% mu gihembwe cya 1, mu gihembwe cya kabiri ugera kuri 12.2%, naho mu cya gatatu wageze kuri 11.9%.

5. Ibyo rero ni ibyo kwishimirwa kuko bigaragaza ingufu n'imbaraga abanyarwanda twese twashyize hamwe kugira ngo tugire uwo musaruro mwiza. Biteganyijwe kandi ko mu 2020 ubukungu bw'u Rwanda buzakomeza kuzamuka ku kigero gishimishije kizaba nibura 8.1%. Kugira ngo tugere kuri iri zamuka ry'ubukungu, birasaba gukomeza imikoranire myiza n'urwego rw'abikorera ndetse no kurushaho gukora cyane, bikazatuma turenza n'imibare iteganyijwe.

6. Abashoramari n'abacuruzi ni abafatanyabikorwa bacu b'ingenzi mu Cyerekezo u Rwanda rufite cyo kugera ku iterambere rirambye kandi rihuriweho na bose mu 2024. Ubu bufatanye bwa Guverinoma n'abikorera, buzakomeza kandi kudufasha no kugera ku bukungu buringaniye ku rwego rwo hejuru mu 2035 (Upper middle income status) n'ubukungu bwo ku rwego rwo hejuru (High income status) mu 2050.

7. Guverinoma y'u Rwanda irabashimira ko kugeza ubu, ari mwe mutanga imirimo myinshi ku mubare munini w'abanyarwanda. Ibi kandi ni nabyo byagize uruhare runini mu kuzamuka k'ubukungu bw'u Rwanda nk'uko byagaragaye mu myaka ishize. Ibi bikaba bituma u Rwanda rurushaho kugera ku ntego zarwo mu buryo burambye.

8. Nk'uko byagiye bigaragara kandi nk'uko Umuyobozi Mukuru wa RDB yabigarutseho, mu 2019 ishoramari mu Rwanda ryazamutse ku buryo bushimishije. Imishinga itandukanye y'ishoramari kuri ubu iri gutanga umusaruro. Ibi ntibyari gushoboka iyo mwebwe abikorera, mutabigiramo uruhare, umuhate, ndetse n'imbaraga zifatika.

9. Uko ishoramari rirushaho kwiyongera bituma turushaho kugira icyizere ko tuzagera ku ntego yacu yo kuzamura uruhare rw'ishoramari rusange mu musaruro mbumbe w'Igihugu. Nk'uko biteganyijwe muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere, uru ruhare rw'ishoramari rugomba kugera kuri 31.1% mu 2024. Ibi bizagerwaho nidukomeza kuzamura ishoramari rya Leta ndetse n'iryanyu mwebwe abikorera.

10. Guverinoma y'u Rwanda irashimira kandi uruhare rwa ba rwiyemezamirimo n'abashoramari mu kongera ingano y'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga. Mu 2019, u Rwanda rwohereje mu mahanga ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyari zisaga igihumbi z'amadolari y'Amerika zivuye kuri miliyoni 995 z'amadolari y'Amerika mu 2018.

Iyi ni intambwe nziza, tugomba gukomeza gusigasira kugira ngo ibyo twohereza mu mahanga bibashe kugera nibura ku kigero cya 17% buri mwaka, nk'uko biri muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere 2017-2024.

11. Muri urwo rwego, ndashishikariza kandi ba rwiyemezamirimo n'ibigo by'ubucuruzi mu Rwanda kwitabira ishoramari rihuriweho (Joint ventures). Mu 2019, ishoramari rihuriweho n'abanyarwanda n'abanyamahanga ryihariye 44% y'ishoramari ryose. Ubu buryo bw'ishoramari rihuriweho buzoroshya kandi bwihutishe ibikorwa by'ubucuruzi bitanga umusaruro.

12. By'umwihariko, Ibigo bito n'ibiciriritse (SMEs) birasabwa gukomeza kubyaza umusaruro amahirwe bifite yo kohereza hanze ibicuruzwa, hibandwa cyane ku bikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda). Birasabwa kandi gushyira imbaraga mu guhanga ibishya. Ibi bizatuma umusururo bitanga wiyongera kandi ugere no ku rwego rukenewe ku isoko mpuzamahanga.

13. Muri urwo rwego, kongera no kwagura umubare w'ibikorwa by'ubucuruzi bihanga imirimo myinshi kandi ihemba neza, bikwiye kuba imwe mu ntego nyamukuru z'Urwego rw'abikorera.

14. Kugira ngo Urwego rw'abikorera rubashe gutera imbere uko bikwiye, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho iby'ibanze bishingirwaho mu iterambere rirambye. Turabizi twese hari ibjyanye n'ibikorwaremezo, guteza imbere ikoranabuhanga (ICT) n'ibindi byose bituma abikorera mugira uburyo bworoshye bwo gutangaza ibyo mukora ndetse no kubiteza imbere.

Ku bahawe ibihembo uyu munsi,

15. Ibyiza mwagezeho turi kwishimira uyu munsi, ntibyabayeho ku bw'amahirwe. Ahubwo mubikesha ikizere mwagiriye Igihugu cyacu mukagishoramo imari. Icyo cyizere Guverinoma y'u Rwanda nayo igiha agaciro gakomeye kuko cyerekana ubufatanye hagati ya Guverinoma n'abikorera.

16. Nk'uko mubizi, u Rwanda rwiyemeje kuba ku isonga mu korohereza ishoramari, kugira ngo ushaka gushora imari wese mu Gihugu cyacu yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga abikore ku buryo bumworoheye.

17. Twanejejwe kandi ko no mu byiciro by'abahembwe uyu munsi harimo n'urubyiruko. Urubyiruko ni umusingi ukomeye w'Iterambere ry'Igihugu cyacu. Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje gushyigikira no kongerera ubushobozi urubyiruko hagamijwe kurufasha kwihangira imirimo.

18. Twabibonye kandi ko urubyiruko rwahawe ibihembo rwakoze byinshi kandi byiza by'indashyikirwa, nkaba nagiraga ngo nongere mvuge ko urubyiruko turushyigikiye mu gukomeza guhanga udushya ndetse no gukora *business*. Ndashishikariza rero ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko kubyaza umusaruro amahirwe atandukanye Igihugu cyabahaye, kugira ngo barusheho guteza imbere ibikorwa n'imishinga yabo.

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Batumirwa mwese,**

19. Mu gusoza, nongeye gushimira cyane abahawe ibihembo bose uyu mwaka. Ndagira ngo kandi nshimire ba rwiyemezamirimo bose bari mu Gihugu cyacu, abashoramari, abacuruzi n'abakora imirimo itandukanye itanga inyungu. Ndabizeza ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza kubafasha uko ishoboye kandi ubufatanye bwacu namwe buzatanga umusaruro ku banyarwanda twese kandi butange n'inyungu ku bucuruzi bwanyu.

20. Nizeye ko ibikorwa by'indashyikirwa by'abahembwe uyu munsi, bigiye gutera imbaraga n'abandi ba rwiyemezamirimo. Ibi bizatuma ubutaha nabo bashobora kubona amahirwe yo guhabwa ibihembo. Ariko nk'uko Umuyobozi wa RDB yabivuze mwese mwahembwe kuko tureba uruhare mwagize mu iterambere ry'Igihugu cyacu kandi mwese mwabigizemo uruhare, bariya rero mu by'ukuri barabahagarariye.

21. Ndabizeza kandi ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza kunoza no korohereza ishoramari kugira ngo abashora imari imbere mu Gihugu barusheho kwiyongera. Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje kandi gukomeza gushyigikira Urwego rw'abikorera mu guteza imbere ubumenyi bwabo no kubongerera ubushobozi.

Murakoze, mugire amahoro!